REPUBULIKA Y'U RWANDA

SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE

IKIGANIRO CYA MINISITIRI W'INTEBE,

NYAKUBAHWA DR. EDOUARD NGIRENTE,

MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO, IMITWE YOMBI, KU BIKORWA BYA GUVERINOMA BYO MU RWEGO RW'UBUREZI

Kigali, ku wa 01/12/2017

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

1. Mbanje kubasuhuza no kubashimira uyu mwanya mumpaye kugira ngo mbagezeho ibikorwa bya Guverinoma nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 133 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.

2. Uyu munsi nifuje kubagezaho ikiganiro ku ruhare rw'uburezi mu kubaka Igihugu gifite ubukungu bushingiye ku bumenyi. Uburezi ni imwe mu Nkingi z'ingenzi zikubiye muri Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka Irindwi, 2017-2024 nabagejejeho ku itariki ya 26/09/2017.

3. Iki kiganiro kiribanda ku **cyerekezo na Politiki by'uburezi bw'u Rwanda**, **uruhare rw'uburezi mu kubaka ubukungu bushingiye ku bumenyi, iby'ingenzi byagezweho, imbogamizi zigenda zigaragara n'ingamba zafashwe kugira ngo uburezi mu myaka irindwi iri imbere buzabe umusingi w'impinduka mu by'ubukungu nk'uko twabyiyemeje.**

I. ICYEREKEZO NA POLITIKI BY'UBUREZI BW'U RWANDA

4. Imwe mu ntego za Guverinoma muri Gahunda yayo y'Imyaka Irindwi (2017-24) ni ugutanga uburezi bufite ireme kandi bugera kuri bose, no kurushaho kwihutisha iterambere ry'ubukungu bushingiye ku bumenyi. Kugira ngo ibi bizagerweho, Guverinoma izashyira imbaraga mu guhuza no kunoza politiki z'uburezi n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo.

5. Politiki n'ingamba by'uburezi bw'u Rwanda bishingiye ku nkingi eshatu z'ingezi: **uburezi kuri bose, uburezi bufite ireme n'uburezi bujyanye n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo.**

6. Politiki rusange y'uburezi yo mu mwaka wa 2003 iteganya ibikorwa by'ibyingezi by'uburezi byo gukurikirana no gushyira mu bikorwa Icyerekezo 2020. Harimo:

- Guteza imbere siyansi n'ubundi bumenyi bifitanye isano;
- Gushyiraho amategeko n'amabwiriza ngenderwaho mu burezi;
- Guteza imbere kwigisha, kwiga no gukoresha neza ikoranabuhanga n'itumanaho mu burezi;
- Guteza imbere ibyerekeye ubushakashatsi no kubaka ubushobozi.

7. Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 mu ngingo yaryo ya 20, buri Munyarwanda wese afite uburenganzira ku burezi. Muri uru rwego, Guverinoma yiyemeje gutanga uburezi budaheza kandi mu byiciro byose by'uburezi. Mu mwaka wa 2009 hashyizweho uburezi bw'ibanze bw'imyaka icyenda (Nine years' basic education/9YBE). Mu mwaka wa 2012, ubu burezi bwarazamuwe bugera ku myaka 12.

8. Hashyizweho ingamba zigamije guteza imbere ibijyanye n'uburezi bw'incuke, uburezi bw'abakuze (kubigisha gusoma, kubara no kwandika), korohereza abafite ubumuga kubona uburezi bwihariye, kwita ku iterembere n'imibereho ya mwarimu n'ubwo urugendo rukiri rurerure, guteza imbere ikoranabuhanga mu burezi no guteza imbere imyigishirize y'imyuga n'ubumenyingiro.

II. URUHARE RW'UBUREZI MU KUBAKA UBUKUNGU BUSHINGIYE KU BUMENYI

9. Kubera Politiki na gahunda z'iterambere zitandukanye zashyizweho, kuva mu mwaka wa 2000 kugeza mu 2016 ubukungu bwateye imbere. Ibi bikaba bigaragazwa na bimwe muri ibi bipimo bikurira:

- Ubukungu bw'u Rwanda bwazamutse ku mpuzandengo ya **8%.**
- Abanyarwanda barenga miliyoni imwe bavanwe mu nsi y'umurongo w'ubukene;
- Ingano y'umusaruro k'umuturage wazamutse uva ku **225$** mu mwaka wa 2000 ugera kuri **729$** mu mwaka wa 2016. Intego twihaye ni uko ubukungu bw'Igihugu cyacu buzamuka bukatugeza mu bihugu bifite ubukungu bucirirtse (middle-income economy);
- Mu mwaka ushize ibyoherezwa hanze byazamutseho **9%,** byavuye kuri miliyoni 684 z'Amadolari y'Abanyamerika bigera kuri miliyoni 745 USD. N'ubwo ibitumizwa hanze nabyo byiyongereye ku kigereranyo cya **6.6%,** ibyinshi muri byo ni ibijyanye n'ibikoresho byo kubaka inganda ndetse no guteza imbere urwego rwa serivisi nk'amahoteri;
- Ku bijyanye no guhanga imirimo mishya, hahanzwe imirimo **1,704,000** mu myaka 14 ishize (EICV 4).

10. Ibi byagezweho ahanini kubera imbaraga Guverinoma yashyize mu ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zitandukanye harimo kongera ubumenyi n'ubushobozi mu nzego zitandukanye. Ubushakashatsi bugenda bukorwa hirya no hino ku isi, bugaragaza ko ibihugu bifite abantu benshi bafite ubumenyi n'ubushobozi aribyo byashoboye kwihutisha ubukungu n'iterambere mu gihe gito. Ingero ni nka Singapore, Finland, Malaysia na Koreya y'Epfo.

11. Raporo ya *World Economic Forum* yo mu 2017 yitwa Global Human Capital Report, yagaragaje ko **62%** y'abaturage bose batuye isi aribo bafite ubumenyi n'ubushobozi bujyanye n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo. Iyi raporo igaragaza kandi ko **38%** ari abantu bafite impano zitabyazwa umusaruro (unexploited talents). By'umwihariko mu Rwanda abafite ubumenyi n'ubushobozi bujyanye n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo ni **61%.**

12. Ni muri urwo rwego Guverinoma y'u Rwanda ikomeje gushyira imbaraga mu kuzamura ubumenyi bw'Abanyarwanda benshi kugira ngo babe ishingiro ry'ubukungu bushingiye ku bumenyi n'ubushobozi (**Knowledge-Based Economy**) nk'uko bigaragara mu Cyerekezo 2020 no muri Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka Irindwi (2017-2024).

13. Ubushakashatsi bwakozwe muri uyu mwaka wa 2017 n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Kubaka Ubushobozi no Guteza Imbere Umurimo **bwagaragaje ko hari byinshi bimaze gukorwa ariko ko hakiri icyuho mu byerekeranye n'ubumenyi n'ubumenyingiro bukenewe mu kuzamura ubukungu bw'Igihugu.** Uburezi bwacu bukwiye rero kwibanda ku kuziba iki cyuho kugira ngo bugire uruhare rufatika mu iterambere ryihuse kandi rirambye ry'Igihugu cyacu.

14. Muri uyu mwanya munyemerere mbahe ishusho igaragaza ubumenyi dufite muri zimwe mu nzego zigira uruhare rukomeye mu iterambere ry'ubukungu bw'Igihugu n'ubumenyi bukenewe.

15. Ku bijyanye n'ubuhinzi: Intego ni ukuzamura umusaruro w'ubuhinzi (Agricultural growth) ukava kuri **5.9%** mu mwaka wa 2016 ukagera kuri **7%** mu mwaka wa 2024. **Mu buhinzi bw'Icyayi** harimo kugitunganya, no kocyongerera agaciro kugera kigeze ku isoko (value chain yose): Abantu babifitiye ubushobozi bagera kuri **2,500** ku bantu bagera ku **7,000** bakenewe mu mwaka wa 2017. Mu mwaka wa 2020 tuzakenera abantu basaga **9,000**; muri 2025 tuzakenera abagera **12,000.** Ibi bizagira uruhare mu kuzamura umusaruro w'icyayi twohereza hanze ugera kuri toni **45,000** muri 2024 uvuye kuri **25,500** zo muri 2016.

16. Ku birebama n'ikawa: Abantu bafitiye ubushobozi mu bijyanye no guhinga no gutunganya kawa ni **2,657** ku bantu **3,687** bakenewe mu mwaka wa 2017. Mu mwaka wa 2020 tuzakenera abantu bafite ubushobozi butandukanye mu mihingire n'imitunganyirize y'ikawa bangana na **4,800** muri 2025 tuzakenera abagera ku **6,500.** Ibi ni bimwe mu bizatuma umusaruro w'ikahwa twohereza hanze wiyongera ugere kuri toni **32,500** muri 2024 uvuye kuri toni **19,000** twabonye muri 2016.

17. Ku byerekeranye n'ubuhinzi bw'imbuto, imboga n'indabyo: Abantu babifitiye ubushobozi ni **39** ku bantu **528** bakenewe mu mwaka wa 2017. Mu mwaka wa 2020 tuzakenera **690**, muri 2025 tuzakenera **940.** Ibi ni bimwe mu bizatuma umusaruro w'ubuhinzi bw'imbuto, imboga n'indabyo woherezwa hanze wiyongera ukagera kuri toni **46,000** muri 2024 uvuye kuri toni **25,000** zo muri 2016.

18. Ubucukuzi no gutunganya amabuye y'agaciro: Intego ni ukongera umusaruro ukomoka ku mabuye y'agaciro ukava kuri **10%** mu mwaka wa 2016 ukagera kuri **20%** mu mwaka wa 2024. Abantu babifitiye ubushobozi ni **13,000** ku bantu bagera **23,900** bakenewe uyu munsi. Mu bakozi dufite, **83%** ni abakora imirimo icirirtse ijyanye n'ubucukuzi. Biteganyijwe ko mu mwaka wa 2030 hazaba hakenewe abantu bagera ku **44,700.**

19. Ubumenyi mu rwego rw'Ubukerarugendo bushingiye ku Nama Mpuzamahanga (Meetings Incentinves, Conferences and Events/MICE): Intego ni ukuzamura umusaruro w'ibikomoka kuri MICE cyane cyane Hoteli na Resitora ukava kuri **11%** mu mwaka wa 2016 ukagera kuri **18%** mu mwaka wa 2024. Kugeza ubu abakozi babifitiye ubushobozi muri MICE bagera ku **41,000**. Mu mwaka wa 2020 hazaba hakenewe abagera ku **82,400** mu gihe mu mwaka wa 2025 hazaba hakenewe abagera ku **115,600**.

20. Ku byerekeranye n'inganda zitunganya umusaruro w'amata, abakozi bangana na **76%** by'abakora muri uru rwego, nta bumenyi bwihariye babifitemo. Kutagira abantu bahagije bafite ubumenyi uhereye ku bworozi, kugeza igihe ibikomoka ku musaruro w'amata bigereye ku isoko (milk value chain) ni imwe mu mpamvu ituma hafi **10%** by'amata aboneka mu Gihugu ariyo yonyine atunganywa.

21. Kugira ngo tuzamure ubu bushobozi kugera nibura kuri **60%** by'umusaruro w'amata utunganyijwe, hakenewe abantu bagera kuri **730** babifitiye ubushobozi burimo ubumenyi mu gutunganya amata, ubushakashatsi n'ubuziranenge bw'amata, ubucuruzi bw'amata (marketing and sales), kubika no kugemura amata.

22. Ku bijyanye n'inganda zitunganya imyenda: Muri izi nganda hakoramo abakozi bagera ku **1,500.** Kugira ngo uru rwego rukore neza, hakenewe abakozi babifitemo ubumenyi bwihariye bagera ku **2,930.** Bumwe mu bumenyi bukenewe cyane ni ubujyanye na tekinike zo gukora imyenda (garnment technology), gukoresha imashine no kuzikanika, abanyamideri (designers) n'abahanga mu kuvanga amarangi.

23. Ku birebana n'iterambere ry'imigi: Mu 2018 tuzaba dukeneye abantu bafite ubushobozi butandukanye bwo guteza imbere imigi bagera ku **11,500.** Muri 2024 hazaba hakenewe abagera kuri **17,000**. Bumwe muri ubu bumenyi burimo igenamigambi ry'imigi, ibijyanye no kubaka, abakora ibishushanyombonera by'imigi n'abakurikirana uko bishyirwa mu bikorwa, ibikorwaremezo n'ubumenyi mu byerekeranye no guteza imbere ubukungu bushingiye ku gukoresha neza ibidukikije.

24. Ku bijyanye n'urwego rwo gutwara abantu n'ibintu (Transport and logistics): Mu bijyanye n'iby'indege, hakenewe abantu babifitiye ubumenyi **276**. Mu bijyanye na transiporo yo ku butaka, hakenewe **970**. Mu byo gucunga ububiko bw'ibicuruzwa (warehousing & logistics), hakenewe abantu **1,440**.

25. Mu rwego rw'ingufu: Mu mwaka wa 2020 hazaba hakenewe abantu **2,750** bafite ubumenyi butandukanye mu byerekeye ingufu zituruka ku ngomero z'amazi, nyiramugengeri, amashyuza, gaze metani no ku mirasire y'izuba. Mu mwaka wa 2024, tuzaba dukeneye abantu bagera kuri **3,850.**

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

26. Ibyo maze kubagezaho bigaragaza ubumenyi bukenewe buzadufasha kwihuta mu iterambere tuzirikana ko intego ari uko u Rwanda ruba Igihugu gifite ubukungu bushingiye ku bumenyi. Ibihugu byose bigenda bitera imbere bibikesha abantu bahanga ibishya bakomora ku burezi bufite ireme kandi busubiza ibikenewe ku isoko ry'umurimo.

27. Mu rwego rwo kuziba icyuho mu ngero tumaze kubagaragariza mu nzego zitandukanye, Guverinoma ifite gahunda nyinshi zo kwigisha abaturage by'umwihariko urubyiruko kugira ngo bagire ubumenyi mu byiciro bitandukanye bibafasha kubona akazi bikanateza imbere ubukungu bw'Igihugu.

28. Guverinoma y'u Rwanda yihaye intego ko izamuka ry'Ubukungu rigomba kwihutisha ihangwa ry'imirimo itanga umusaruro ku buryo mu myaka 7 iri imbere hazahangwa imirimo mishya igera kuri **1,500,000** izaturuka mu byiciro by'imirimo bitandukanye bitanga akazi gusumba ibindi.

29. Kugira ngo ibi bigerweho, Guverinoma izorohereza Abikorera (Private Sector) guhanga no guteza imbere Ibigo Bito n'Ibinini (SMEs and Big Companies) kugira ngo bikore neza ndetse no kubaka ubushobozi n'ubumenyi cyane cyane ubumenyingiro. Ibi bizakorwa binyuze muri gahunda zirimo: guteza imbere ibikorerwa mu Gihugu (Made in Rwanda), gutunganya ibice byagenewe inganda (Industrial zones), kongerera umusaruro ibikomoka k'ubuhinzi (Agro-processing and agriculture extention specialised services), gucukura no kongerera agaciro amabuye y'agaciro, guteza imbere ubukerarugendo n'imyidagaduro, gutunganya imigi no kubaka ibikorwa remezo n'amazu ahendutse.

30. N'ubwo hakigaragara icyuho mu nzego zitandukanye z'ubumenyi, hari ibikorwa byinshi bimaze kugerwaho. Hari kandi n'ingamba zafashwe.

IBY'INGENZI BYAGEZWEHO, IMBOGAMIZI ZIGENDA ZIGARAGARA N'INGAMBA.

31. Muri uyu mwanya ndagira ngo mbagezeho bimwe mu by'ingenzi byagezweho mu rwego rw'uburezi, imbogamizi duhura nazo ndetse n'ingamba Guverinoma yazifatiye.

KU BIREBANA N'IBYAGEZWEHO

32. Mu byiciro byose by'amashuri, umubare w'abarimu, uw'abanyeshuri n'uw'ibyumba by'amashuri wariyongereye:

a) Mu mashuri y'incuke: Mu mwaka wa 2011 umubare w'abana bigaga mu mashuri y'incuke banganaga na **111,875** ni ukuvuga **11.6%** y'abari mu kigero cyo kuyigamo. Muri 2016 umubare wabo warazamutse ugera ku **185,666** bangana na **24%**.

b) Mu mashuri abanza n'ayisumbuye: Mu mwaka wa 2011 umubare w'abana bigaga mu mashuri abanza banganaga na **2,341,146** ni ukuvuga **96%** y'abagombaga kuba biga muri iki kiciro. Muri 2016 umubare wabo warazamutse ugera ku **2,546,263** bangana na **98%**.

- Mu rwego rwo guteza imbere uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12, kuva mu mwaka wa 2009 kugeza mu wa 2017 hubatswe ibyumba by'amashuri **16,439** n'ubwiherero **31,934.**
- Mu mwaka wa 2016, hatangiye gukoreshwa Integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri (Competence Based Curriculum) mu mashuri y'incuke (yose), mu mashuri abanza (P1 na P4) n'ayisumbuye (S1 na S4). Biteganyijwe ko mu mwaka wa 2018 iyi nteganyanyigisho izaba ikoreshwa mu myaka yose. Hatanzwe kandi imfashanyigisho zifasha ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nteganyanyigisho n'ubwo tutaragera ku gipimo twifuza k'igitabo kimwe ku munyeshuri umwe. Ibi bizazamura ireme ry'uburezi.

- **Icyiciro rusange (lower secondary):** Mu 2012 umubare w'abacyigagamo wari **352,796** ungana na **21%** y'abagombaga kuba biga muri iki kiciro. Muri 2016 umubare wabo wageze kuri **346,783** bangana na **23%.**

- **Mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye (upper secondary):** Mu 2012 umubare w'abayigagamo bari **181,916** bangana na **25.4%** y'abagombaga kuba biga muri iki kiciro. Muri 2016 umubare wabo wageze ku **206,956** bangana na **23.5%.**

- Umubare w'abarimu babyigiye (qualified teachers) mu mashuri yisumbuye wavuye kuri **63.4%** muri 2011 ugera kuri **69.2%** mu mwaka wa 2016.

- **Amashuri y'Imyuga n'Ubumenyingiro (TVET**): Aya mashuri yariyongereye. Yavuye kuri **251** mu mwaka 2011 agera kuri **394** muri 2016. Umubare w'abanyeshuri wavuye kuri **67,919** muri 2011 ugera ku **93,158** muri 2016.

- Ubugenzuzi bwakozwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere imyuga n'ubumenyingiro (WDA) mu mwaka wa 2016 bugamije kureba uko abakoresha bishimira imikorere y'abize imyuga n'ubumenyingiro bwerekanye ko bayishimira ku kigero cya **75%.**

- Ubwo bushakashatsi kandi bwagaragaje ko muri rusange **70%** by'abanyeshuri barangije muri TVET babona akazi nibura mu gihe kitarenze amezi atandatu barangije amasomo**.**

c) Ku birebana n'Amashuri Makuru na za Kaminuza: Hagati ya 2000 na 2015, harangije abanyeshuri **105,039**. Muri bo, **16,716 (16%)** barangije ikiciro cya mbere (diploma), **83,022 (79%)** barangije ikiciro cya kabiri cya kaminuza (Bachelor's) naho **5,301 (5%)** barangije ikiciro cya gatatu (Masters and PhD's).

- Muri aba banyeshuri bose barangije, abize amasomo atari siyansi (Non STEM/Science, Technology, *Engineering and Mathematics*) ni **64.1%** mu gihe abarangije siyansi (STEM) bangana na **35.9%**
- Gahunda ya Guverinoma ni uko 60% bajya muri TVET, 40% bakajya mu mashuri asanzwe (general education). Muri aba 40%, 80% baziga STEM.

d) Ku birebana no kwigisha abantu bakuru gusoma, kwandika no kubara (Adult literacy): Umubare w'abantu bakuru bigishijwe muri iyi gahunda kuva mu mwaka wa 2012 kugeza mu mwaka wa 2016 wageze ku bantu **601,856.** Iyi gahunda ni imwe muzagize uruhare rugaragara mu kuzamuka k'umubare w'Abanyarwanda bazi gusoma, kubara no kwandika kandi bibaha amahirwe yo kwiteza imbere no kujyana n'abandi Banyarwanda mu cyerekezo cy'iterambere ry'Igihugu cyacu. Muri rusange abazi gusoma, kwandika no kubara bavuye kuri **64.9%** mu mwaka wa 2000 bagera kuri **72%** (EICV 4) muri 2015.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

IMBOGAMIZI N'INGAMBA

33. N'ubwo muri rusange twishimira intambwe urwego rw'uburezi rumaze gutera, ndagira ngo mbagaragarize zimwe mu mbogamizi ziri mu rwego rw'Uburezi ndetse n'ingamba Guverinoma yafashe.

34. Ikigereranyo cy'umubare w'abanyeshuri ku mwarimu umwe mu mashuri abanza: Kuva mu mwaka wa 2011 kugera mu mwaka wa 2016, umubare w'abanyeshuri ku mwarimu umwe ungana na 58.

- Mu rwego rwo gukemura iki kibazo hifashishijwe uburyo budasanzwe (Unconventional method), hazakomeza gahunda yo kubaka ibyumba by'amashuri bishya no kuvugurura ibisanzwe. Bitegayijwe ko mu myaka itatu iri imbere, hazubakwa ibyumba bishya **6,627** hakazanavugururwa ibindi bingana na **3,814.**

35. Kwiga igice cy'umunsi (Double shift): Mu mashuri abanza, abanyeshuri bamwe biga amasaha ane mu gitondo abandi amasaha ane nimugoroba kubera ikibazo cy'ibyumba by'amashuri n'abarimu bidahagije. Ibi bibangamira ireme ry'uburezi muri rusange.

- Ingamba zafatiwe iki kibazo ni ukuzubaka ibyumba bishya by'amashuri **28,635** no guha akazi abarimu bashya mu mashuri abanza bangana na **18,016** mu myaka itandatu iri imbere.

36. Umubare w'abarimu babyigiye mu mashuri yisumbuye uracyari hasi (low qualified teachers): umubare w'abarimu babyigiye wari **69.2%** mu mwaka wa 2016. Uyu mubare uzakomeza kugenda uzamuka uko ubushobozi buzagenda buboneka. Mu myaka itandatu iri imbere:

- Abarimu batize ibijyanye n'uburezi bazakomeza guhabwa amasomo yo kuba abarimu babigize umwuga (post graduate ediploma in education);
- Hazahabwa akazi abarimu bashya bize ibijyanye n'uburezi.

43. Umubare w'abarangiza amashuri yisumbuye, amakuru na kaminuza batabona akazi ukiri hejuru: Ubushakashatsi bwakozwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) mu mwaka wa 2017 bwagaragaje ko urubyiruko ruri hagati y'imyaka 16-30 rwarangije kaminuza n'amashuri makuru rutabashije kubona akazi rungana na **27.7%** naho urwarangije amashuri yisumbuye rutabashije kubona akazi rungana na **35%**.

- Binyuze muri Gahunda y'Igihugu ya Hanga Umurimo (National Employment Program/NEP), Guverinoma izakomeza gushyiraho uburyo bufasha abarangiza amashuri kwihangira imirimo no kuborohereza kubona inguzanyo zo gushyira mu bikorwa imishinga yabo.
- Guverinoma yashishikarije za Kaminuza Mpuzamahanga kuza gufungura amashami yazo mu Rwanda kugira ngo zitwunganire mu gutanga ubumenyi bufite ireme kandi busubiza ibibazo biri ku isoko ry'umurimo. Zimwe mu ngero ni izi zikurikira: Carnegie Mellon University Rwanda (CMU); African Institute for Mathematical Sciences (AIMS); African Leadership University (ALU); University of Global Health Equity (UGHE).

- Hazashyirwaho ikigega kigamije guteza imbere imishinga y'ikoranabuhanga no guhanga ibishya (Innovation Fund). Hazashyirwaho ahantu hihariye (Kigali Innovation City) hazafasha Abanyarwanda n'abanyamahanga bafite impano zihariye kurushaho guhanga ibishya.

46. Hari ibindi bibazo urwego rw'uburezi rugifite birimo: gukomeza kwita ku mibereho ya mwarimu, Ibigo by'amashuri byose ntibiragezwamo ibikorwaremezo bikenewe birimo umuriro w'amashanyarazi, amazi na interinete, kongera za laboratwari, kubaka no gusana ibyumba by'amashuri, kongera umubare w'abarimu babifitiye ubushobozi, cyane cyane mu mashuri makuru na za kaminuza no gukomeza kugabanya umubare w'abana basibira n'abata ishuri.

- Kuri ibi bibazo byose, Guverinoma yashyizeho ingamba zatangiye no gushirwa mu bikorwa ngo bikemuke.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

49. Mu gusoza, ndagira ngo mu izina rya Guverinoma n'abandi Bayobozi twazanye, nongere kubashimira uruhare mugira muri gahunda ziteza imbere Igihugu cyacu by'umwihariko mu rwego rw'uburezi nk'imwe mu nkingi z'iterambere rirambye. Twiteguye kwakira neza ibitekerezo byanyu kandi tubijeje ko tuzabishingiraho mu gukomeza kuvugurura uburezi bwacu kugira ngo burusheho kugira ireme no kuba koko ishingiro ry'ubukungu.

Murakoze, mugire amahoro y'Imana.